KWISHINGIKIRIZWA



Umuntu wifasha ameze nk' izuba
Rihora ricanye, mu bihe byose kabone niyo inkuba zikubita

IHAME RY' ICYUMWERU

Ubuzima ni mirimo yacu byubakiye kurufatiro rw' ibintu twishingikirije. Aho twavuga nk' amategeko y' ubugenge arebana ni mbaraga za rukuruzi ndetse ni biboneka mwi sanzure. Ayo mategeko ntahinduka gusa icyo dukora nugushyiraho gahunda zigenga ubuzima tubayemo. Twifashisha kandi icyuma cy' umwana w' umuntu hamwe ni koranabuhanga. Bityo ibikoresho bitajyanye ni gihe bigasimburwa. Ibi rero bigaruka no ku bantu; iyo tudatanga icyizere dushobora gusimbuzwa abandi babishoboye.

Ni byingenzi rero ko duha agaciro abantu hamwe ni uko bubahiriza igihe. Tugomba gufata igihe neza kuko niwo mutungo ikiremwamuntu cyahawe. Natcyo wageraho udafite igihe. Umunota utakajwe uba utakaye burundu. Iyo twubahirije igihe, ni kimenyesto cyuko twubaha cyacu ndetse ni cya bandi. Ibi rero byubaka icyizere kubodukorana kuko badufata nka bantu bazirikana inshingano zabo, bafitiwe icyizere kandi bakwi shingikirizwa.

Iyi nenge ikunda kugaragara iyo umuntu yakererewe kugera aho yagombaga kuba yageze kare, cyangwa se ntahagaragare. Ingeso yo gukererwa iratumunga kuko yangiza izina ryacu. Bityo ugasanga tuzwi nka bantu bakererwa kandi batakwishingikirirwa, ndetse kandi usanga dufite ubusobanuro , dore ko ni binyoma bihakoreshwa, ibi byose bikiyongrea ku mafuti ufite. Bamwe bifashisha umuco wabo, ariko icyo si gisubizo kizima. Mu gihe tudahinduye iyi mwitwarire idahwitse , abandi nabo ntibazabyitaho bityo usange igihe cyose gitakariye mu gutegerezana. Gukererwa ni ingeso mbi. Ntidushobora kwiyambura iyi ngeso mbi kereka iyo tumenye uko itubangamiye. Bamwe bifashisha akazi kensi nki mpamvu yo gukererwa, ariko iyo ukererewe ku kazi, kererwa kugemura hamwe no kuri za gahunda, amaherezo twazabura ako kazi, ugemura cyangwa gahunda zakozwe. Nta mpamvu yo gukora gahunda kandi utari buhagere ku gihe. Mu gihe dushoboye kunesha iyi ngeso, bituma abantu baduha icyizere.

Kwishingirikiriza ni imwe mu nkingi zikomeza umubano mwiza. Muri rusange bisobanuye ko ufite imvugo yawe ariyo ngiro. Iyo bakubonye nk' umuntu utanga icyizere, nuko ubusanzwe bakuziho ubupfura n' icyizere. Icyizere kiboneka mu ntekerezo bityo kandi kikaba cya takara vuba iyo habaye gushyamirana. Bityo bikoroha rero gutakaza icyizere kuruta kucyubaka. Igikorwa kimwe gusa cyica imyaka myinshi yubakiwe ku cyizere.

INYUNGU

1. Uzagirirwa icyizere na bagenzi bawe. Ibi bikubera intambwe ikomeye mu kubaka umubano, kamere yawe bwite cyangwa umurimo ukora.
2. Abandi bazakubaha. Bazakugirira icyizere kandi bakwifashishe aho rukomeye , mu gihe byabaye bizakongerera agaciro kandi bikwegereze ku yandi mahirwe.
3. Uzubaka izina aho ubarizwa. Bityo abantu bakuziho umurava bizabaremamo ishusho y' umuntu ushoboye. Abantu bazifuza gukorana nawe kuko bazi neza ko umurimo uri gende neza.

Inzira ni mikorere yo KWISHINGIKIRIZWA

INTAMBWE ZIKURIKIZWA

1. Reka imvugo yawe ibe impamo, kandi na bandi babigenze nkawe. Korera mu mucyo. Urangwe no kwanga umugayo. Vuga imvugo isobanutse kandi uzirikane ibyo wasezeranye . Bika amabanga kandi ntuzatinye guhakana aho bibaye ngombwa.

2. Komera ku byo ukora kandi ubihe umurongo usobanutse. Itoze gukunda umurimo biciye mu bitekerezo, ibyemezo ufata hamwe nuko ubona ibintu. Igihe cyose itondere ingorane ni byemezo ufata nuko ukore igikwiye. Iyemeze kugera kucyo wiyemeje.

3. Zirikana igihe ufite - hombi ku cyawe hamwe ni cy' abandi ufata nk' umutungo ukomeye. Uko witwara imbere y 'igihe bigaragaza ubwishi ni ireme ryi byo usarura.

4. Ntuzigere ukoresha utanga impamvu zidakwiye. Ahubwo ba inyangamugayo uhangare ukuri. Irinde kuvuga ibinyoma uhishishira amafuti cyangwa intege nke zawe. Kuko ibi bizatuma urushaho konona akazi kawe.

5. Buri gihe ujye uhora uharanira kubaka izina ryiza. Imashini ihabwa agaciro bitewe ni gihe imaze mu kazi. Ikubaka izina ryiza iyo ikomeje gukora ntambogamizi igaragaza. Kimwe rero no ku bantu. Ibigwi ufite nibyo bizazamura izina ryawe ryiza. Kutagirirwa icyizere bigabanya amahirwe yo guterimbere y' ejo hazaza.

IBAZE KANDI USUBIZE

1. Ese inshuti babajije inshuti zawe enshantu niba ushobora kwishingikirizwa/ umwizerwa, ese wumva basubiza iki?
2. Ese wifata ute iyo wakererewe / wumva umeze ute?
3. Ese abantu wizera ni kihe kintu cy' ingenzi ubabonaho?

Ibuka....Intekerezo zibyara ibikorwa, Ibikorwa bibyara ingeso, Ingeso zirema kamere, yacu Nuko kamere igena ejo hacu hazaza!

Isuzume Kuva kuri 1 kugera 10	1	2	3	4	5	6	7	8	9	10
Kuki wihaye aya manota?										
Nizihe nyungu azabona mu gihe uzamuye amanota yawe?										
Ese ni kihe gikorwa wakwitoza mu ku gerageza inyungu ziri hame??										
Ingengabihe kw' ihame usoma buri munsi	M	T	W	T	F	S	S			